Kinyarwanda / Kirundi

Mwiriwe bakozi ba SPS & namwe miryango,
Kubera ibyo turimo n'ibibazo byinshi birebana na virusi nshya ya coronavirus (COVID-19) irimo kwanduza abenegihugu no ku isi yose, akarere k'amashuli kacu kemera, kandi kazirikana uburemere, n'ibyo dusabwa mu kubungabunga umutekano n'imibereho myiza y'abanyeshuli, abakozi, imiryango, na kominote.
Kuri uyu mugoroba Guverineri Inslee asabyeko amashuli yose ya Leta muli iyi State yacu afunga guhera tariki 17/3 kugeza tariki 24/4. Inzobere mu by'ubuzima baremezako ari ngombwa cyane gufata izo ngamba kugirango duhagarike ukwanduza kwa virus ya COVID-19. Tuzi nezako uku gufunga kuzagira ingaruka kuli kominoti yacu yose, abanyeshuli, imiryango, abakozi – niyo mpamvu iki cyemezo gikomeye cyane. Mu gushakira ibisubizo izi nzaduka, turibanda ku gufasha abanyeshuli n'imiryango yabo muli iki gihe amashuli azaba afunze.
Tuzatanga ibyangomwa bisabwa n'ibikoresho kugirango duhe abanyeshuli uburyo bwo gukomeza kwiga bari imuhira. Ibi harimo ibikoresho by'ikoranabuhanga n'ibindi bintu abarimu bashobora kujya bohereza mu rugo bizannywe n'abanyeshuli. Gukomeza gukora ibyo basabwa bituma abanyeshuli babona uburyo bwo gukomeza kubana n'ibyo biga kugeza ubwo amasomo bahabwa n'abakozi azongera gutangira. Ibisubizo by'izi nzaduka bishobora guhindagurika niyo mpamvu tuzakomeza kuvugurura imigabo n'imigambi yo gushyigikira abanyeshuli bacu dukurikije uko tuzaba tubonye andi makuru mashya.
Amashuli ya Leta ya Spokane yiteguye kwita ku bana b'ababyeyi bakora mu byerekeye ubuvuzi, abashyinzwe itumanaho, n'abandi bose batishobye. Kandi tuzakomeza guha ibiryo abanyeshuli bose bo ma Mashuli ya Leta hano Spokane.
Ku birebana n'amahirwe yo gukomeza kwiga, serivisi zo gufasha abana bato, na serivisi zo gutanga ibiryo, mushobora kubireba ku nkoranyambaga y'Akagari (disitrikti)
Umutima wa Spokaane ugaragarira mu gufatanya twese nka kominote. Cyane cyane muli iki gihe ubufatanye no kwisungana bifite akamaro cyane kurusha uko twari dusanzwe tubikora byose tugamije kujya mbere no gutsinda.

Shelley Redinger
Superintendent
3/13/2020